<table>
<tr><td colspan="3">CMKN101-IKINYARWANDA K’IBANZE</td></tr>
<tr><td colspan="3">UBUSHOBOZI : GUKORESHA IKINYARWANDA K’IBANZE</td></tr>
<tr><td>UMURONGO NGENGABUSHOBOZI MU RWANDA (RTQF) IKICIRO: 1</td><td>INDENGO: 3</td><td>AMASAHA ATEGANIJWE: 30</td></tr>
<tr><td>ISHAMI: YOSE</td><td colspan="2">AGASHAMI: TWOSE</td></tr>
<tr><td>IGIHE YATEGURIWE: UGUSHYINGO 2016</td><td colspan="2">IGIHE YAVUGURURIWE:</td></tr>
</table>

**INTEGO NYAMUKURU**

Iyi mbumbanyigisho irasobanura ubumenyi n’ubushobozi bukenewe kugira ngo uwiga ashobore:

- Gukoresha Ikinyarwanda k’ibanze mu kumva, kuvuga, gusoma no kwandika, mu bikorwa bijyanye n’umwuga we.
- Gukoresha ubuvanganzo gakondo mu gushyikirana n’abandi abagezaho ibitekerezo bye kandi agaragaza uko yakira ibyabo.
- Kugaragaza imyumvire n’imyifatire ikwiye agenda avoma mu myandiko inyuranye.
- Guhanga mu rurimi rw’Ikinyarwanda afatiye ku moko anyuranye y’imyandiko.
- Kugaragaza amoko y’interuro zisanzwe z’Ikinyarwanda, amatsinda y’ingenzi mu nteruro n’isanisha.
- Kwandika yubahiriza amabwiriza y’imyandikire n’imikoreshereze y’inyuguti nkuru.

**UBUSHOBOZI FATIZO**

*Ubushobozi bw’intango mu rurimi rw’Ikinyarwanda.*

**INGINGO N'IBIPIMO BY'UBUSHOBOZI**

Ingingo z'ubushobozi zisobanura umusaruro w'ibanze ugomba kugerwaho.

Ibipimo by'ubushobozi bisobanura ubushobozi busabwa mu kugaragaza ko intego zikubiye mu mutwe zagezweho.

| **INGINGO Z'UBUSHOBOZI**<br>Ushoje iyi mbumbanyigisho aba ashoboye : | **IBIPIMO BY'UBUSHOBOZI** |
|---|---|
| **1. Gukoresha neza ubuvanganzo gakondo ashyikirana n'abandi.** | 1.1 Kugaragaza neza ko uwiga yumva ubuvanganzo gakondo abinyujije mu ngiro zitandukanye.<br>1.2 Gusubiza mu mvugo iboneye ibibazo ku buvanganzo gakondo.<br>1.3 Gusoma neza umwandiko w'ubuvanganzo gakondo yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.<br>1.4 Guhina no guhimba umwandiko w'ubuvanganzo gakondo akurikiranya neza ingingo zawo.<br>1.5 Gutarama akoresheje ubuvanganzo bwizwe. |
| **2. Kwandika yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.** | 2.1. Gukoresha neza inyajwi, ingombajwi, ibihekane n'imigemo by'Ikinyarwanda.<br>2.2. Gukoresha neza utwatuzo n'ibindi bimenyetso mu rurimi rw'Ikinyarwanda.<br>2.3. Gukoresha neza inyuguti nkuru mu myandikire y'Ikinyarwanda. |
| **3. Kugaragaza indangagaciro zo gukunda umurimo n'amoko anyuranye y'interuro yoroheje.** | 3.1. Kugaragaza neza ko uwiga yumva umwandiko ku nsanganyamatsiko yo gukunda umurimo abinyujije mu ngiro zitandukanye.<br>3.2. Gusubiza neza ibibazo mu mvugo iboneye ku mwandiko.<br>3.3. Gusoma neza umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.<br>3.4. Guhimba umwandiko akurikiranya neza ingingo.<br>3.5. Kugaragaza neza amoko anyuranye y'interuro yoroheje. |

| | |
|---|---|
| **4. Kugaragaza indangagaciro zo gukunda igihugu n'amatsinda y'amagambo y'ingenzi mu nteruro yoroheje.** | 4.1. Kugaragaza neza ko uwiga yumva umwandiko ku nsanganyamatsiko yo gukunda igihugu abinyujije mu ngiro zitandukanye.<br>4.2. Gusubiza neza ibibazo mu mvugo iboneye ku mwandiko.<br>4.3. Gusoma neza umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.<br>4.4. Guhina no guhimba umwandiko akurikiranya neza ingingo zawo.<br>4.5. Kugaragaza neza amatsinda y'amagambo y'ingenzi mu nteruro yoroheje. |
| **5. Kugaragaza ko yacengewe n'indangagaciro z'ubumwe n'ubwiyunge n'imikoreshereze iboneye y'ikinyarwanda.** | 5.1. Kugaragaza neza ko uwiga yumva umwandiko ku nsanganyamatsiko y'ubumwe n'ubwiyunge abinyujije mu ngiro zitandukanye.<br>5.2. Gusubiza neza ibibazo mu mvugo iboneye ku mwandiko.<br>5.3. Gusoma neza umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.<br>5.4. Guhina no guhimba umwandiko akurikiranya neza ingingo zawo.<br>5.5. Kumurika ku buryo buboneye ingingo zishimangira ubumwe n'ubwiyunge.<br>5.6. Gukoresha neza isanisha mu nteruro yoroheje. |

**IMBATA Y'INYIGISHO**

Imbata y'inyigisho irasobanura umusaruro utegerejwe kuri buri mutwe. Uwo musaruro ni ubumenyi n'ubushobozi by'ibanze bigomba kugerwaho. Ibigomba kwigishwa kugira ngo umusaruro witezwe uzagerweho birateganyijwe. Ibikorwa by'uwiga bikubiyemo ingingo zinyuranye ziyobora uwiga n'uwigisha.

| **Imbumbe ya 1: Gukoresha neza ubuvanganzo gakondo ashyikirana n'abandi** | | | **Amasaha ateganijwe: 6** |
|---|---|---|---|
| **Umusaruro w'inyigisho** | **Ibyigwa** | **Ibikorwa by'uwiga** | **Imfashanyigisho** |
| **1.1. Kugaragaza ko uwiga yumva ubuvanganzo gakondo abinyujije mu ngiro zitandukanye.**<br><br>**1.2. Gusubiza mu mvugo iboneye ibibazo ku buvanganzo gakondo.** | • **Ubuvanganzo gakondo:**<br>**Umugani muremure**<br>✓ Ibimenyetso bigaragaza uteze amatwi.<br>✓ Insanganyamatsiko.<br>✓ Inyunguramagambo.<br>✓ Ingingo z'umuco.<br>✓ Inshoza n'uturango by'umugani muremure.<br>✓ Isesekaza n'utwatuzo. | o Gutega amatwi umugani muremure.<br>o Gusoma umugani bucece.<br>o Gusoma mu matsinda.<br>o Gusoma aranguruye.<br>o Gusubiza ibibazo byo kumva umugani.<br>o Gusobanura amagambo akomeye no kuyakoresha mu nteruro.<br>o Guhuza ibivugwa mu mugani | - Ibitabo by'ubuvanganzo gakondo (imigani miremire, imigenurano n'ibisakuzo);<br>- Sede (cd);<br>- Disiketi ;<br>- Ikibaho;<br>- Marikeri; |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **1.3. Gusoma neza umwandiko w'ubuvanganzo gakondo yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.**<br><br>**1.4. Guhina no guhimba umwandiko w'ubuvanganzo gakondo akurikiranya neza ingingo zawo.**<br><br>**1.5. Gutarama akoresheje ubuvanganzo bwizwe.** | ✓ Isomo ry'ingenzi.<br>✓ Ihinamwandiko.<br>**Umugenurano/umugani mugufi**<br>✓ Insanganyamatsiko.<br>✓ Inyunguramagambo.<br>✓ Ingingo z'umuco.<br>✓ Inshoza n'uturango by'umugenurano.<br>**Ibisakuzo**<br>✓ Insanganyamatsiko.<br>✓ Inyunguramagambo.<br>✓ Ingingo z'umuco.<br>✓ Inshoza n'uturango by'ibisakuzo.<br>✓ Isomo ry'ingenzi .<br>**Igitaramo ku buvanganzo gakondo** | muremure n'indangagaciro.<br>o Kugaragaza insanganyamatsiko z'ingenzi.<br>o Gusobanura ingingo z'umuco.<br>o Gusobanura inshoza n'uturango tw'umugani.<br>o Guhina no guhimba umwandiko.<br>o Gutahura isomo ry'ingenzi.<br>o Guca umugani muremure yubahiriza uturango twawo.<br>***Umugenurano***<br>o Gutahura insanganyamatsiko zikubiye mu mugenurano.<br>o Gusobanura amagambo akubiye mu migenurano.<br>o Gutega amatwi umugenurano.<br>o Gusubiza ibibazo byo kumva | - Murandasi;<br>- Inkoranyamagambo. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | umugenurano.<br>○ Gusobanura amagambo akomeye no kuyakoresha mu nteruro.<br>○ Guhuza ibivugwa mu mugenurano n'indangagaciro.<br>○ Gutahura ingeso mbi zumvikana mu migenurano.<br>○ Kugaragaza insanganyamatsiko z'ingenzi.<br>○ Gusobanura ingingo z'umuco.<br>○ Gusobanura inshoza n'uturango by'umugenurano.<br>***Ibisakuzo***<br>○ Gutega amatwi igisakuzo.<br>○ Gusobanura ingingo z'umuco.<br>○ Gusobanura inshoza n'uturango by'ibisakuzo.<br>○ Gutarama bakoresheje imigani | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | n'ibisakuzo. | |

| **Imbumbe ya 2: Kwandika yubahiriza amabwiriza y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.** | | | **Amasaha ateganijwe: 6** |
|---|---|---|---|
| **Umusaruro w'inyigisho** | **Ibyigwa** | **Ibikorwa by'uwiga** | **Imfashanyigisho** |
| **2.1. Gukoresha inyajwi, ingombajwi, ibihekane n'imigemo by'Ikinyarwanda.** | ✓ Inyanjwi;<br>✓ Ingombajwi;<br>✓ Ibihekane; | ○ Kwandika inyajwi, ingombajwi n'ibihekane, | - Amabwiriza ya Minisitiri N0 001/2014 yo ku wa 08/10/2014 agenga imyandikire |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **2.2. Gukoresha utwatuzo n'ibindi bimenyetso mu rurimi rw'Ikinyarwanda.** | ✓ **Utwatuzo n'ibindi bimenyetso:**<br><br>Akabago, akabazo, agatangaro<br><br>Akitso, uturegeka, utubago tubiri, akabago n'akitso, utwuguruzo n'utwugarizo, akuguruzo n'akugarizo, udukubo, akanyerezo, udusodeko, agakoni kaberamye,.. | ○ Kwandika yubahiriza utwatuzo,<br>○ Kurondora no kuvuga amazina y'utwatuzo,<br>○ Gukoresha utwatuzo mu nteruro<br>○ Kwandika yubahiriza imikoreshereze y'inyuguti nkuru,<br>○ Gukosora uko bikwiye amakosa y'imyandikire agaragara mu nteruro yahawe. | y'Ikinyarwanda nk'uko yasohotse mu Igazeti ya Leta N0 41 bis yo ku wa 13/10/2014. |
| **2.3. Gukoresha inyuguti nkuru mu myandikire y'Ikinyarwanda.** | ✓ Inyuguti nkuru mu mazina,<br>✓ Inyuguti nkuru mu nzego,<br>✓ Inyuguti nkuru mu nteruro, | | |

| Imbumbe ya 3: Kugaragaza indangagaciro zo gukunda umurimo n'amoko anyuranye y'interuro yoroheje. | | | Amasaha ateganijwe: 6 |
|---|---|---|---|
| **Umusaruro w'inyigisho** | **Ibyigwa** | **Ibikorwa by'uwiga** | **Imfashanyigisho** |
| **3.1. Kugaragaza ko uwiga yumva umwandiko ku nsanganyamatsiko yo gukunda umurimo abinyujije mu ngiro zitandukanye**<br>**3.2. Gusubiza ibibazo mu mvugo iboneye ku mwandiko**<br>**3.3. Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza**<br>**3.4. Guhimba umwandiko akurikiranya neza ingingo zawo** | ✓ ibimenyetso byo gutega amatwi no kutarogoya ufite ijambo<br>✓ Umwandiko ku nsanganyamatsiko zinyuranye zo gukunda umurimo<br>✓ ingingo z'umwandiko n'inyunguramagambo<br>✓ Insanganyamatsiko y'umwandiko<br>✓ Ingingo z'umuco<br>✓ indangagaciro zo gukunda umurimo:<br>✓ Kugira umurava, gukorera hamwe, kunoza umurimo,gukorera ku ntego,guteganya,..<br>✓ Isesekaza n'utwatuzo<br>✓ Ihimbamwandiko ku ndangagaciro yo gukunda umurimo | ○ Gutega amatwi utarogoya ufite ijambo nta mpamvu,<br>○ Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko n'inyunguramagambo,<br>○ Kuvumbura insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko,<br>○ Kugaragaza indangagaciro zo gukunda umurimo,<br>○ Gusoma bucece,<br>○ Gusoma mu matsinda,<br>○ Gusoma aranguruye agaragaza isesekaza,<br>○ Gukusanyiriza mu matsinda ibitekerezo ku kamaro ko | - Ibitabo by'imyandiko,<br>- SEDE (CD),<br>- disiketi ,<br>- ikibaho,<br>- Marikeri,<br>- Murandasi,<br>- Inkoranyamagambo. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **3.5. Kugaragaza amoko y'interuro yoroheje** | ✓ Amoko y'interuro yoroheje | gukunda umurimo,<br>○ Gukora interuro yoroheje mu moko anyuranye. | |

| **Imbumbe 4: Kugaragaza indangagaciro zo gukunda igihugu n'amatsinda y'amagambo y'ingenzi mu nteruro yoroheje.** | | | **Amasaha ateganijwe: 6** |
|---|---|---|---|
| **Umusaruro w'inyigisho** | **Ibyigwa** | **Ibikorwa by'uwiga** | **Imfashanyigisho** |
| **4.1. Kugaragaza ko uwiga yumva umwandiko ku nsanganyamatsiko yo gukunda igihugu abinyujije mu ngiro** | ✓ Ibimenyetso byo gutega amatwi no kutarogoya inkuru ngufi ku nsanganyamatsiko yerekeye ku gukunda igihugu nko kwihesha agaciro, kugira ishyaka n'ubutwari, kugira uruhare mu | ○ Gutega amatwi inkuru ngufi,<br>○ Kutarogoya ufite ijambo ,<br>○ Gusoma bucece, | - Ibitabo by'imyandiko,<br>- Sede (cd),<br>- Disiketi , |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **zitandukanye (amarangamutima, amarenga n'ibimenyetso bikoreshejwe ingingo z'umubiri).**<br>**4.2. Gusubiza ibibazo mu mvugo iboneye ku mwandiko**<br>**4.3. Gusoma umwandiko yu bahiriza utwatuzo n'isesekaza**<br>**4.4. Guhina no guhimba umwandiko akurikiranya neza ingingo zawo**<br>**4.5. Kugaragaza amatsinda y'amagambo y'ingenzi mu nteruro yoroheje n'interuro y'inyunge** | bikorwa by'igihugu…<br>✓ Inyunguramagambo,<br>✓ Ingingo z'inkuru,<br>✓ Ingingo z'umuco,<br>✓ Insanganyamatsiko,<br>✓ Ihinamwandiko,<br>✓ Ihimbamwandiko,<br>✓ Isesekaza n'utwatuzo,<br>✓ Amatsinda y'amagambo y'ingenzi mu nteruro yoroheje n'interuro y'inyunge. | ○ Gusoma baranguruye,<br>○ Gusomera mu matsinda bashaka ibisobanuro by'amagambo akomeye n'ibisubizo ku bibazo byo kumva umwandiko no kumurika ibyayavuyemo,<br>○ Kuvumbura insanganyamatsiko y'ingenzi ivugwa mu nkuru,<br>○ Kungurana ibitekerezo mu matsinda,<br>○ Kugaragaza ingingo z'umuco zivugwa mu nkuru ,<br>○ Kugaragaza indangagaciro z'umuco,<br>○ Gukora inshamake y'inkuru,<br>○ Guhimba inkuru ku nsanganyamatsiko yahawe,<br>○ Kugaragaza amatsinda y'ingenzi y'amagambo mu nteruro | - Ikibaho,<br>- Marikeri,<br>- Murandasi,<br>- Inkoranyamagambo,<br>- Igitabo k'ikibonezamvugo,<br>- Amashusho ya bimwe mu bikorwa byo gukunda igihugu. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | yoroheje n'interuro y'inyunge. | |

| **Imbumbe ya 5: Kugaragaza ko yacengewe n'indangagaciro z'ubumwe n'ubwiyunge n'imikoreshereze iboneye y'Ikinyarwanda.** | | | **Amasaha ateganijwe: 6** |
|---|---|---|---|
| **Umusaruro w'inyigisho** | **Ibyigwa** | **Ibikorwa by'uwiga** | **Imfashanyigisho** |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **5.1. Gukoresha Ikinyarwanda cy'ibanze agaragaza ko yumva umwandiko ku nsanganyamatsiko ku bumwe n'ubwiyunge abinyujije mu ngiro zitandukanye**<br>**5.2. Gusubiza neza ibibazo mu mvugo iboneye ku mwandiko**<br>**5.3. Gusoma neza umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza**<br>**5.4. Guhina no guhimba** | ✓ Ibimenyetso byo gutega amatwi no kutarogoya Inyuguti nkuru mu mazina,<br>✓ Umuvugo ku nsanganyamatsiko y'ubumwe n'ubwiyunge,<br>✓ Inyunguramagambo,<br>✓ Uturango tw'umuvugo,<br>✓ Ingingo z'amateka mu muvugo,<br>✓ indangagaciro mu muvugo,<br>✓ Ubuhanzi bw'umuvugo,<br>✓ Isesekaza n'utwatuzo,<br>✓ isanisha mu nteruro yoroheje. | o Gutega amatwi umuvugo,<br>o Kutarogoya ufite ijambo ,<br>o Gusoma bucece,<br>o Gusoma baranguruye,<br>o Gusomera mu matsinda bashaka ibisobanuro by'amagambo akomeye n'ibisubizo ku bibazo byo kumva umuvugo no kumurika ibyayavuyemo,<br>o Kugaragaza uturango tw'umuvugo,<br>o Kuvumbura insanganyamatsiko z'ingenzi ivugwa mu muvugo,<br>o Kungurana ibitekerezo mu matsinda,<br>o Kugaragaza ingingo z'amateka avugwa mu muvugo, | - Ibitabo by'ubuvanganzo,<br>- SEDE (CD),<br>- disiketi ,<br>- ikibaho,<br>- Marikeri,<br>- Murandasi,<br>- Inkoranyamagambo n'inkoranyamuga,<br>- Igitabo k'ikibonezamvugo,<br>- Amashusho ya bimwe mu bikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge.<br>- |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **umwandiko akurikiranya neza ingingo zawo** | | ○ Kugaragaza indangagaciro zo kunga ubumwe,<br>○ Guhanga umuvugo ku nsanganyamatsiko yahawe yubahiriza uturango twawo,<br>○ Gushishikariza bagenzi be kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge,<br>○ Gukora interuro yoroheje yubahiriza isanisha. | |
| **5.5. Kumurika ku buryo buboneye ingingo zishimangira ubumwe n'ubwiyunge.** | | | |
| **5.6. Gukoresha neza isanisha mu nteruro yoroheje.** | | | |

**Ibitabo n'inyandiko byifashishijwe:**


BIZIMANA S, KAYUMBA C., (2011), *Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda*, IRST, 2ème Edition

BIZIMANA, S., RWABUKUMBA, G., (2011), *Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda,* IRST, 1ère Edition

CHARMEAUX, E., (1975), *La lecture à l'école*, Cédix, Paris.

CONFÉRENCE DES MINISTRES DE L'EDUCATION DES ETATS D'EXPRESSION FRANÇAISE, (1986)*, Promotion et intégration des langues nationales dans les systèmes éducatifs,* Librairie Honoré Champion, Paris.

COUPEZ A. (1961) *Grammaire Rwanda Simplifiée,* Usumbura

Dictionnaire Rwandais-Français,Edition abrégée et adaptée par Irénée JACOB.

FOUNTAIN PUBLISHERS, (2011), *Ikinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa 4*, Fountain Publishers, Kigali

FOUNTAIN PUBLISHERS, (2011), *Ikinyarwanda, Igitabo cy'umwarimu, Umwaka wa 5*, Fountain Publishers, Kigali

FOUNTAIN PUBLISHERS, (2011), *Ikinyarwanda, Igitabo cy'umwarimu, Umwaka wa 6*, Fountain Publishers, Kigali

GAGNÉ, G., PAGÉ, M. na ARRAB, E. (2002), Didactique des langues maternelles. Questions actuelles dans différentes régions du monde, De Boeck Universitégions du monde, De Boeck Université, Bruxelles.

GASIMBA F.X (2004), *Inganzo y'Ubwanditsi,* Prix Kadima, Paris, OIF.

INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO (RALC), (2013), *Indangagaciro z'Umuco w'u Rwanda, Imfashanyigisho ibanza,* Kigali

KAGIRANEZA Z. (1989), *Igitaramo ku Mateka y'u Rwanda*, Kigali, MINESUPRES.

MINISTERI Y'AMASHURI ABANZA N'AYISUMBUYE (1986) *Ikinyarwanda: Ikibonezamvugo cyo mu Cyiciro cya Gatatu,* Kigali

UNIVERSITY OF RWANDA/COLLEGE OF EDUCATION (2014), *Umusogongero ku Buvanganzo Nyarwanda,* Kigali.

VANHOVE J. (1941), *Essai de Droit Coutimier du Ruanda*, Bruxelles, Librairie Falk fils.

**INYOBOZI Y'ISUZUMABUSHOBOZI**

**ISUZUMA MBONEZANYIGISHO**

| Ingingo z'ubushobozi | Ubushobozi busuzumwa | Gihamya | Urutonde rw'ibisuzumwa | Arabishoboye | | Umwanzuro |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | Yego | Oya | |
| **1. Gukoresha ubuvanganzo gakondo ashyikirana n'abandi.** | **1.1 Uwiga yagaragaje neza ko yumva ubuvanganzo gakondo abinyujije mu ngiro zitandukanye.** | • Amashusho y'uteze amatwi umugani muremure atarogoya | ✓ Ibimenyetso bigaragaza ko uteze amatwi atarogoya ufite ijambo | | | |
| | **1.2 Uwiga yasubije mu mvugo iboneye ibibazo ku buvanganzo gakondo.** | • Inyandiko y'ibisubizo by'uwiga<br>• Amajwi n'amashusho by'uwiga asubiza ibibazo | ✓ Insanganyamatsiko<br>✓ Isomo ry'ingenzi<br>✓ Inyunguramagambo<br>✓ Ingingo z'umuco | | | |
| | **1.3 Uwiga yasomye neza umwandiko w'ubuvanganzo gakondo** | • Amajwi n'amashusho by'uwiga asoma umugani muremure | ✓ Isesekaza n'utwatuzo | | | |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | **yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.** | | | | | |
| | **1.4 Yahinnye kandi anahimba umwandiko w'ubuvanganzo gakondo akurikiranya neza ingingo zawo.** | • Inshamake y'umugani<br>• Umwandiko yahimbye | ✓ Ihinamwandiko<br>✓ Ihangamwandiko (umugani muremure) | | | |
| | **1.5 Yataramye akoresheje ubuvanganzo bwizwe.** | • Amajwi n'amashusho by'igitaramo | ✓ Igitaramo ku buvanganzo gakondo | | | |
| **2. Kwandika yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.** | **2.1. Uwiga yakoresheje neza inyajwi, ingombajwi, ibihekane n'imigemo by'Ikinyarwanda.** | • Inyandiko y'ibisubizo ku mikoreshereze y' inyajwi, ingombajwi, ibihekane n'imigemo | ✓ Inyanjwi<br>✓ Ingombajwi<br>✓ Ibihekane | | | |
| | **2.2. Uwiga yakoresheje neza** | • Amajwi n'inyandiko ku mikoreshereze | ✓ Utwatuzo n'ibindi bimenyetso | | | |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | **utwatuzo n'ibindi bimenyetso mu rurimi rw'Ikinyarwanda** | y'utwatuzo n'ibindi bimenyetso | ✓ | | | |
| | **2.3. Uwiga yakoresheje neza inyuguti nkuru mu myandikire y'Ikinyarwanda.** | • Inyandiko ku mikoreshereze y'inyuguti nkuru | ✓ Inyuguti nkuru | | | |
| **3. Kugaragaza indangagaciro zo gukunda umurimo n'amoko anyuranye y'interuro yoroheje.** | **3.1. Uwiga yagaragaje ko yumva neza umwandiko ku nsanganyamatsiko yo gukunda umurimo abinyujije mu ngiro zitandukanye.** | • Amashusho y'uwiga ateze amatwi umwandiko atarogoya | ✓ Ibimenyetso bigaragaza ko uteze amatwi atarogoya ufite ijambo<br>✓ Umwandiko ku nsanganyamatsiko zinyuranye zo gukunda umurimo | | | |
| | **3.2. Uwiga yasubije neza ibibazo mu mvugo iboneye ku mwandiko.** | • Amajwi n'amashusho by'uwiga asubiza ibibazo ku mwandiko | ✓ Ingingo z'umwandiko n'inyunguramagambo<br>✓ Insanganyamatsiko y'umwandiko | | | |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | ✓ Ingingo z'umuco<br>✓ Indangagaciro zo gukunda umurimo | | | |
| | **3.3. Uwiga yasomye neza umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.** | • Amajwi n'amashusho by'uwiga asoma mwandiko | ✓ Isesekaza n'utwatuzo | | | |
| | **3.4. Uwiga yahimbye umwandiko akurikiranya neza ingingo.** | • Umwandiko w'uwiga | ✓ Ihimbamwandiko ku ndangagaciro yo gukunda umurimo | | | |
| | **3.5. Uwiga yagaragaje neza amoko anyuranye y'interuro yoroheje.** | • Inyandiko y'imyitozo ku moko anyuranye y'interuro yoroheje | ✓ Amoko y'interuro yoroheje | | | |
| **4. Kugaragaza indangagaciro zo gukunda igihugu n' amatsinda y'amagambo y'ingenzi mu** | **4.1. Uwiga yagaragaje ko yumva neza umwandiko ku nsanganyamatsiko yo gukunda** | • Amashusho y'uwiga ateze amatwi umwandiko atarogoya | ✓ Ibimenyetso byo gutega amatwi no kutarogoya | | | |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| **nteruro yoroheje.** | **igihugu abinyujije mu ngiro zitandukanye.** | | | | | |
| | **4.2. Uwiga yasubije neza ibibazo mu mvugo iboneye ku mwandiko.** | • Amajwi n'amashusho asubiza ibibazo ku mwandiko | ✓ Inkuru ngufi ku nsanganyamatsiko yerekeye ku gukunda igihugu nko kwihesha agaciro,<br>✓ Inyunguramagambo<br>✓ Ingingo z'inkuru<br>✓ Ingingo z'umuco<br>✓ Insanganyamatsiko | | | |
| | **4.3. Uwiga yasomye neza umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.** | • Amajwi n'amashusho by'uwiga asoma mwandiko | ✓ Isesekaza n'utwatuzo | | | |
| | **4.4. Uwiga yahinnye anahimba umwandiko akurikiranya neza ingingo** | • Inshamake y'umwandiko<br>• Umwandiko yahimbye | ✓ Ihinamwandiko<br>✓ Ihimbamwandiko | | | |
| | **4.5. Uwiga** | • Inyandiko agaragaza | ✓ Amatsinda y'amagambo | | | |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | **yagaragaje neza amatsinda y'amagambo y'ingenzi mu nteruro yoroheje n'interuro y'inyunge** | amatsinda y'ingenzi mu nteruro n'interuro z'inyunge | y'ingenzi mu nteruro yoroheje | | | |
| **5. Kugaragaza ko yacengewe n'indangagaciro z'ubumwe n'ubwiyunge n'imikoreshereze iboneye y'ikinyarwanda.** | **5.1. Uwiga yagaragaje neza ko yumva umwandiko ku nsanganyamatsiko y'ubumwe n'ubwiyunge abinyujije mu ngiro zitandukanye.** | • Amashusho y'uwiga ateze amatwi umwandiko atarogoya | ✓ Ibimenyetso byo gutega amatwi no kutarogoya<br>✓ Umuvugo ku nsanganyamatsiko y'ubumwe n'ubwiyunge | | | |
| | **5.2. Uwiga yasubije neza ibibazo mu mvugo iboneye ku mwandiko.** | • Amajwi n'amashusho ku bisubizo byo kumva umwandiko | ✓ Inyunguramagambo<br>✓ Uturango tw'umuvugo<br>✓ Ingingo z'amateka mu muvugo | | | |
| | **5.3. Uwiga yasomye neza umwandiko** | • Amajwi n'amashusho | ✓ Isesekaza n'utwatuzo | | | |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | **yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.** | bigaragaza uko uwiga yasomye | | | | |
| | **5.4. Uwiga yahinnye anahimba umwandiko akurikiranya neza ingingo zawo.** | • Umwandiko (umuvugo) | ✓ Ubuhanzi bw'umuvugo | | | |
| | **5.5. Uwiga yamuritse ku buryo buboneye ingingo zishimangira ubumwe n'ubwiyunge.** | • Inyandiko, amajwi n'amashusho | ✓ Indangagaciro mu muvugo | | | |
| | **5.6. Uwiga yakoresheje neza isanisha mu nteruro yoroheje.** | • Inyandiko y'imyitozo ku isanisha | ✓ Isanisha mu nteruro yoroheje | | | |